# 179: ly' urushye, iy'uremerewe, Bibwire Yesu

1. ly' urushye, iy'uremerewe, Bibwire Yesu, bibwire Yesu ! ly' ukumbuy' abakunzi bawe, Byos' ubimuganyire !

2. Bibwire Yesu, bibwire Yesu ! Ni We nshut' ihebuje, Nta n'indi wabon imeze nka We; Byos' ubimuganyire

3. Ibyo byago, ndetse n'amarira, Bibwire Yesu, bibwire Yesu ! Bya byaha bihishwe bikunesha,Byos' ubimuganyire !

4. Ubw' utiny' indwara no gupfusha. Bibwire Yesu, bibwire Yesu Ubwo wibaz' iby'umunsi w'ejo Byos' ubimuganyire!

5. Mbes' ugir' ubwoba bwo kuzapfa ? Bibwire Yesu, bibwire Yesu Ntuzi yuk' Umwami Yes' azaza ? Byos' ubimuganyire!

Visit us at indirimbo.com